AMABWIRIZA AGENGA IRUSHANWA RY'AGACIRO FOOTBALL CHAMPIONSHIP, UMWAKA WA 2017.

Ingingo ya 1.

Amategeko agenga irushanwa ry'Agaciro football championship ashyirwaho na FERWAFA.

Ingingo ya 2.

Irushanwa ry'Agaciro football championship rizatangira tariki ya 09/09/2017 umunsi wa mbere, umunsi wa kabiri tariki ya 13/09/2017 risozwe tariki ya 16/9/2017, rikazitabirwa n'amakipe 4 ya mbere muri ARPL 2016-2017.

Ingingo ya 3.

Ikipe yemerewe urutonde rw'abakinnyi batarenga 30 izakoresha mu irushanwa ry' Agaciro football championship. Nta mukinnyi wemerewe kuba ku rutonde rw'amakipe abiri.

Ingingo ya 4.

FERWAFA niyo itanga gahunda yerekana uko amakipe azahura, ibibuga bizakinirwaho, igashyiraho abasifuzi n'abakomiseri bazayobora iyo mikino n'itsinda ry'abakozi bazakurikirana imigendekere yiryo rushanwa.

Ingingo ya 5.

Amakipe azahura mu buryo bwa shampiyona nyuma ikipe yagize amanota menshi ku rusha izindi aba ariyo ya mbere, izahabwa igikombe.

Ingingo ya 6.

Umukinnyi wahawe ikarita y'umutuku ahagarikwa umukino ukurikira.

Ingingo ya 7.

Mu gihe amakipe yanganyije harebwa umukino wabahuje, zakomeza kunganya hakitabazwa uburyo bwa tombola.

Ingingo ya 8.

Ikipe izakina iri rushanwa igomba kugeza kuri FERWAFA urutonde rw'Abakinnyi bazakinisha, mu minsi itatu (3) mbere y'uko imikino itangira.

Ingingo ya 9.

Ibijyanye no gutegura i kibuga kizakinirwaho irushanwa bireba ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda FERWAFA

Ingingo ya 10.

Ikipe isabwa kwambara imyenda yabugenewe ya siporo ifite inimero, Ikipe yanditswe bwa kabiri ku rutonde rw'iri rushanwa ibarwa nk'iyasuye bityo ikaba isabwa kwitwaza imyambaro ibiri idahuje amabara kugirango idahuza n'iya suwe.

Ingingo ya 11.

Imikino izajya itangira saa saba (13h00) na saa cyenda n'igice (15.30) uretse imikino yo ku itariki ya 13/09/2017 izatangira saa cyenda n'igice (15.30) na saa kumi n'ebyiri (18h00).

Amakipe agomba kugera ku kibuga isaha imwe mbere y'isaha yagenwe y'umukino.

Ingingo ya 12.

Ikipe yemerewe gusimbuza abakinnyi batandatu (6) mu mukino umwe.

Ingingo ya 13.

Gutanga ikirego bikurikiza amategeko asanzwe ya FERWAFA, mu bihe byateganyijwe, kandi bigatangirwa ibimenyetso bigaragara.

Ingingo ya 14.

Iyo umukino uhagaze bitewe n'impamvu z'ibiza (cas de force majeur) usubirwamo mu gihe kizagenwa na FERWAFA.

Kigali, ku wa 07/09/2017

UWAMAHORO Tharcille Latifah
Umunyamabanga Mukuru

Fédération Rwandaise de Football Association